REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyaruguru ku wa 02/11/2018

N° 050**/NJYA/2018**

POUR RECEPTION
02 NOV 2018
PROVINCE DU SUD

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA NYARUGURU

Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

NYANZA

Impamvu: Ibyemezo by'Inama Njyanama idasanzwe yo kuwa 26 Ukwakira 2018

Bwana Guverineri,

Mbandikiye ngirango mbagezaho ibyemezo y'Inama Njyanama idasanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yateraniye i Ndago mu cyumba cy'inama cy'Akarere ku wa 26 Ukwakira 2018, yitabiriwe n'Abajyanama 24 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru.

Ibyo byemezo murabisanga ku mugereka w'iyi baruwa

Mugire amahoro.

MUNGWAKUZWE Yves

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru

Bimenyeshejwe :

Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
KIGALI
Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru
NYARUGURU

REPURULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA NYARUGURU
INAMA NJYANAMA Y'AKARERE

IBYEMEZO BY'INAMA NJYANAMA IDASANZWE Y'AKARERE KA NYARUGURU YO KUWA 26 UKWAKIRA2018

INTANGIRIRO

Inama Njyanama idasanzwe yo kuwa 26 Ukwakira 2018 yateraniye mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Nyaruguru iyobowe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru Bwana MUNGWAKUZWE Yves, yitabirwa n'Abajyanama 24 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere.

Ku Murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira:

1. Kwemeza inyandikomvugo y'Inama Njyanama isanzwe yo kuwa 25 Nzeri 2018 n'inama z'amakomisiyo.
2. Kwemeza gahunda y'ibikorwa by'Akarere ivuguguruye y'umwaka wa 2018/2019

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku ngingo zavuzwe haruguru, Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru yafashe ibyemezo bikurikira:

Icyemezo cya mbere:

Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje inyandikomvuko z'inama zikurikira imaze kuzikorera ubugororangingo:

- Inyandikomvugo y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yo kuwa 25 Nzeri 2018
- Inyandikomvugo ya Komisiyo y'iterambere ry'imibereho myiza mu Nama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru yo ku wa 16/10/2018
- Inyandikomvugo ya Komisiyo y'imiyoborere myiza mu nama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru yo ku wa 19/10/2018.

Icyemezo cya kabiri:

Hashingiwe ku cyifuzo cya Komisiyo y'Imiyoborere myiza kijyanye no kunoza serivisi zitangirwa ku irembo, Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ko ubuyobozi bw'Akarere bwihutisha gukemura ikibazo cy'Imirenge ya Ruheru na Nyabimata idafite abakozi

bashinzwe irangamimerere kugirango serivisi zitangwa hakoreshejwe "Irembo System" zitangwe ku buryo bwihuse.

Icyemezo cya gatatu:

Inama Njyanama ishingiye ku cyifuzo cya Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho myiza kijyanye no kwizihiza umunsi w'abafite ubumuga, mu bwumvikane busesuye yemeje ko umunsi mpuzamahanga w'abafite ubumuga uzizihizwa ku wa 3 Ukuboza 2018, abajyanama ku rwego rw'Akarere n'abandi bafatanyabikorwa b'Akarere bakaba basabwe kuzawitabira.

Icyemezo cya kane:

Nyuma yo kungurana ibitekerezo no gukora ubugororangingo kuri gahunda y'ibikorwa ivuguruye y'Akarere ka Nyaruguru (Revised action plan) mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018/2019, iyo gahunda y'ibikorwa ikaba ikubiyemo ibikorwa bizakorwa n'Akarere ndetse n'abafatanyabikorwa bako, Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje gahunda y'ibikorwa y'Akarere ivuguruye y'umwaka wa 2018/2019.

Icyemezo cya gatanu:

Inama Njyanama ishingiye ku myanzuro yafatiwe mu mwiherero w'Akarere ka Nyaruguru wo ku wa 9 Ukwakira 2018 ijyanye no gushyira mu bikorwa gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2018/2019, mu bwumvikane busesuye yemeje ingengabihe y'ishyirwa mu bikorwa ryayo, isaba Akarere gukurikirana iyubahirizwa ryayo.

UMUSOZO

Inama Njyanama yatangiye saa yine n'iminota mirongo itanu n'itanu (10h55) z'amanywa isoza imirimo yayo saa munani n'iminota icumi (14h10),Perezida w'Inama Njyanama ashimira abayitabiriye n'ibitekerezo batanze.

Umwanditsi:

KAMPOGO Dative

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

Umuyobozi w'Inama:

MUNGWAKUZWE Yves

Perezida w'Inama Njyanama

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyanza, ku wa 07/11/2018
N° 0657/07.02

INTARA Y'AMAJYEPFO
TEL: 252533385, Fax: 252533380
Email : south@southernprovince.gov.rw
Website : www.southernprovince.gov.rw

NYARUGURU
DATE OF RECEPTION
08 NOV 2018
Received by
Registration No
Time

Bwana Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru
NYARUGURU

Impamvu: Ibyemezo by'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 26 Ukwakira 2018

Bwana Perezida,

Ibyemezo by'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru yateranye ku itariki ya 26 Ukwakira 2018 byatugezeho ku itariki ya 02 Ugushyingo 2018.

Nyuma yo kubisuzuma, turabasaba ko bishyirwa mu bikorwa.

Mugire akazi keza.

INTARA Y'AMAJYEPFO

CG GASANA K. Emmanuel
Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

Bimenyeshejwe:
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru
  NYARUGURU